

KWIPIMISHA UKIGERA MURI AUSTRALIA

Abinjye mu gihugu ku bw'impamvu z'ubufasha

Bitaratinda ugeze muri Australia, uzatumirwa kubonana na muganga (ino aha bamwita GP) ndetse n'umuforomo kugirango bagupime ibijyanye n'ubuzima.

Nubwo waba utarwaye, ni ngombwa kwitabira, wowe ubwawe n'abana bawe, ubutumire bwa muganga ngo agupime, anakwandikire imiti yo kukuvura niba asanze ufite uburwayi. Muganga kandi azafata icyemezo cyo kuba wajya kubonana n'abandi baganga b'inzobere niba bikenewe, anabagusabire kuba mwabonana. Uku kubonana si itegeko ariko urabishishikarijwe.



Nari naripimishije mbere yo kuza, igihe nasabaga viza, none ni kuki nkeneye kongera gusuzumwa na muganga?

Kugusuzuma kwa mbere byari ibijyanye n'ibyo gusaba viza ntabwo bagusuzumye ibijyanye n'ubuzima n'imibereho myiza yawe yose.

Gusuzumwa na muganga harimo kugupima ibintu byinshi kugirango barebe uko umeze, banabashe kukurangira izindi serivise z'ubuzima cyangwa se banagusabire kuba bagupima mu buryo bwimbitse (nko kubonana n'abavura amenyo, cyangwa se abavura amaso) Kugusuzuma binaguhuzira na muganga (GP), mushobora gukomeza kujya mubonana igihe bikenewe mu minsi izakurikiraho.

Kwisuzumisha iby'ubuzima se ni iki?

Kwisuzumisha by'ubuzima ni ibya buri wese ukigera muri Australia, ndetse n'abana. Bishobora **gufata igihe cy'isaha imwe cyangwa irenze, kandi ushobora gukenera kujya kubonana na muganga inshuro nyinshi.** Hashobora kubamo ibi bikurikira:

- Kukubaza ibibazo ku byerekeye ubuzima bwawe
- Kugusuzuma wowe ubwawe ku mubiri
- Kugufata amaraso, gutanga inkari ndetse n'umusarane
- Kugukingira

Umuforomo cyangwa muganga bashobora kukubaza niba ibyo wanyuzemo mu buzima bwahise bikigufiteho ingaruka cyangwa se niba hari ingaruka biteye ku buryo ugenda umenyera ubuzima muri Australia. Hariho za serivise zizobereye zagufasha muri bene ibyo bibazo byo guhungabana.

Ufite uburenganzira bwo kubaza ibibazo bijyanye n'ibyo bagupima, indwara waba ufite cyangwa se uburyo bakuvura.

Kuki nkeneye inkingo?

- Ni uburyo bwiza kandi bwizewe bwo kukurinda wowe ubwawe, abana bawe ndetse n'abaturanyi bawe bose.
- Kwiyandikisha mu mashuri y'abana n'amashuri asanzwe biba byiza iyo umwana wawe yahawe inkingo zose ziteganyijwe.
- Kugirango uhabwe amafaranga ya Centerlink, abana bawe bose bakeneye kuba barakingiwe iinkingo zose.



Ugomba gukingiza abana bawe bose inkingo zose ziteganyijwe, kandi mu gihe giteganyijwe. Umuforomo kwa muganga azakubwira igihe cyo kuzanira abana ngo bakingirwe. Igihe umwana wawe agihabwa inkingo, hari ubwo Centerlink ikenera urwandiko rwa muganga rubyemeza kugirango ukomeze kujya uhabwa amafaranga.

Nari narakingiwe inkingo zimwe na zimwe ni kuki nkeneye kongera kuzihabwa nanone?

Hari inkingo zitangwa muri Australia wowe ubwawe cyangwa se umwana wawe mutigeze muhabwa mbere.

Ubashije gutanga impapuro zisemuye mu cyongereza zemeza ko wowe ubwawe cyangwa se umwana wawe mwahawe inkingo, izo nkingo muganga yazikwandikira ko wazihawe mu gitabo kibigenewe bityo akaba atari ngombwa kongera kuzigukingira. Ushobora gufashwa gusemurisha bene izo mpapuro ku buntu. Bishobora gufata kugeza ku minsi 30 <https://translating.homeaffairs.gov.au/en/about-this-service/>

Udafite impapuro zigaragaza inkingo wahawe kera, hari ubwo ukenera kongera kuzikingiza. Ibi nta kibazo biteye kandi ushobora kubiganira na muganga wawe n'umuforomo igihe mubonye.

Ni iki nkeneye kuzana igihe nje kubonana na muganga (igihe naba mbifite)?

- Ikarita ya Medicare cyangwa se nimeru yayo
- Impapuro zigaragaza inkingo wahawe n'amakuru yerekeranye n'ibyubuzima bwawe mu myaka yahise.
- Ikarita ya Australia y'ibyerekeye ubuzima (Health Care Card)

Nyuma yo kubonana na muganga agusuzuma iby'ubuzima hakurikiraho iki?

Muganga cyangwa se umuforomo bashobora kugusaba kuzagaruka umunsi ibisubizo by'ibyo bapimye bizaba byabonetse. Ibi nukugirango babe bakuvura cyangwa se bagusabire kujya kubonana n'abanadi baganga bibaye ngombwa.

Ese hari icyo ngomba kwishyura kugirango bansuzume ibijyanye n'ubuzima?

Oya, uku gusuzumwa ni ubuntu.

Ariko iyo bagusabye kwipimisha ahandi nko gufatwa amafoto ya X-Ray cyangwa se kuzajya kubonana n'abandi baganga, hari ubwo bene ibyo bitaba ari ubuntu byose, bitazishyurwa na Medicare, ukaba wakenera kwishyura amafaranga wowe ubwawe. Baza muganga wawe (GP) akugire inama niba bene izo serivise zitazakwishyura.


Ese iby'ubuzima bwanjye hari icyo bivuze kuri viza yanjye?

Ntacyo.

Amakuru yose ajyanye n'ubuzima, n'ibipimo bagufashe ni ibanga kandi ntibishobora guhabwa undi wese utari mu bakuvura, nta burenganzira ubitangiye. Abakozi bo kwa muganga ntibemerewe kuganira n'undi wese ibijyanye n'ubuzima bwawe. Bashobora kubiganira na bagenzi babo bafatanyaga kukuvura. Ayo makuru ntacyo avuze ku bijyanye n'uburenganzira bwawe bwo gutura muri Australia.

Nakora iki igihe ntazi kuvuga cyangwa ntumva icyongereza?

Niba icyongereza atari ururimi rwawe, umusemuzi azagufasha kuvugisha no kumvikana n'abakuvura. Saba serivise zo kwa muganga bagushakire umusemuzi cyangwa se bamuguhamgarire kuri **Telefoni ya Serivisi zo Gusemura (TIS)** kuri nimeru **131 450**. Serivise zo kugusemurira ni ubuntu kuri wowe na muganga.



Amakuru asemuye mu rurimi rwawe www.healthtranslations.vic.gov.au